# IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA
# MU MUHANGO WO KWIBUKA ABAHOZE ARI ABAVOKA BAZIZE GENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA WA 1994
# Kigali, ku wa 20 Mata 2023

- Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abavoka,
- Abavoka mwese mwitabiriye uyu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994,
- Abahagariye imiryango y'abari abavoka ndetse n'*abamandataire en justice* twibuka uyu munsi,

Nagira ngo ntagire nshimira Urugaga rw'Abavoka kuba mwateguye iki gikorwa, ndetse no kuba mwantumiye muri uyu muhango, kuko kwibuka ari ingenzi mu gukumira ko ibyabaye byazongera kuba.

Ni ngombwa ko dufata umwanya wo kwibuka abacu bishwe bazira uko bavutse, twari duhuje umwuga, twafatagaho urugero, badufashaga muri byinshi. Kubibuka ni uburyo bwiza bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe ubwo bicwaga urw'agashinyaguro ndetse tunihanganisha sosiyete nyarwanda muri rusange, n'imiryango basize by'umwihariko.

Kubasubiza agaciro kabo kwiza, ni ukugera ikirenge mu cyabo dukurikiza indangagaciro zabarangaga z'ubunyamwuga, ubudakemwa, guharanira ukuri kabone n'ubwo wakuzira, kwanga umugayo, kwanga ikibi, gufasha ababagana batishoboye, byerekana ubumuntu bari bafite.

Iyo twibuka ibihe bikomeye bya Genocide yakorewe Abatutsi, tuzirikana imbaraga zakoreshejwe mu kuyihagarika, urugendo ruvunanye rwo kongera kubanisha neza Abanyarwanda, ndetse n'inzira igoye igikomeza yo kubaka inzego zitandukanye z'Igihugu, ubukungu n'iterambere ryacyo.

Mu kwibuka kandi, bidufasha guhamya ingamba no kwiyubakamo imbaraga n'ubushobozi, bidufasha gukumira ibikorwa ibyo ari byo byose byabangamira gahunda u Rwanda rwihaye yo kubaka Igihugu cyaciye ukubiri na politiki mbi y'amacacubiri, ahubwo giha uburenganzira n'amahirwe angana buri muturarwanda wese. Abo twibuka uyu munsi, bagiye bahura n'ivangura ndetse n'itotezwa rikomeye mu kazi kabo bakoraga ka buri munsi, nyamara barakoraga mu nzego zakabaye zirenganura abarengana.

Nyuma y'imyaka 29 Genocide yakorewe Abatutsi ibaye, dukomeje kwiyubaka tunafata ingamba zo gusigasira ibyagezweho haba mu mibanire y'abantu, mu by'ubukungu n'iterambere. Intambwe yatewe irashimishije, nk'uko bigenda bigaragazwa na raporo zinyuranye, yaba iz'imbere mu gihugu no hanze yacyo ; inzira yo gukomeza kubaka u Rwanda twifuza irakomeje, ariko duhamya ibirindiro mu guhangana n'ibibazo bitandukanye.

Muri uru rugendo, nk'abantu bari mu runana rw'ubutabera, twese duhamye umugambi wo gukora kinyamwuga inshingano zacu, mu

rwego rwo gutanga ubutabera Abanyarwanda banyotewe, nk'inkunga yacu muri gahunda ndende yo kubaka Igihugu kigendera ku mategeko kandi cyiyubahiriza kuri buri muturarwanda wese nta vangura iryo ari ryo ryose. Ubu ni na bwo buryo bwiza bwo gutera ikirenge mu cy'ababa twaje kwibuka uyu munsi.

Mu gusoza, ndakomeza kwihanganisha ababuze ababo bakoraga umwuga w'abavoka, n'*abamandataire en justice* ndetse n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi muri rusange, mbasaba gukomera no gukomeza kwiyuba, nshimira kandi buri wese waje kwifatanya natwe muri uyu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 29.

*Dukomeze Twibuke Twiyubaka.*

*Murakoze, mugire amahoro*.